

## Ubushakashatsi ku rurimi ruvugwa mu rugo

Mubyeyi/Murezi:

Intego y'ubushakashatsi ku rurimi ruvugwa mu rugo (HLS) ni ukumenya ururimi rw'ibanze cyangwa urwo umunyeshuri avuga mu rugo. Aya makuru ni ingenzi cyane mu rwego rwo kuba yafasha amashuri gutegura amasomo y'ingirakamaro ku banyeshuri bose. Iyi HLS iri muri gahunda ya leta y'ubushakashatsi isabwa mu gika cya 3113(b)(2) cy'iteka ry'uko buri munyeshuri agomba gutsinda (Every Student Succeeds Act (ESSA) ) n'ingingo ya 703 KAR 5:070 ndetse n'ingingo bihuye [Harimo Ubuyobozi bwihariye bwabaturage](#).

Iyi HLS igomba guhabwa abanyeshuri bose bari mu myaka K-12 bakimara kwiyandikisha bwa mbere mu karere nk'isuzuma rya mbere mu rwego rwo kumenya abanyeshyuri bashobora kwigaicyongereza. Iyi HLS itangwa inshuro imwe, nyuma yo kwiyandikisha mu mwaka K-12 ndetse igasigara no mu ifishi rusange y'umunyeshuri.

Menya neza ko ibisubizo ku bushakashatsi biri hasi byihariye ku munyeshuri. **Niba ururimi rundi rwemejwe hirya y'icyongereza kuri kimwe mu bibazo bya ngombwa by'ubushakashatsi hano hasi, akarere kemererwa n'amategeko gukora isuzuma ryimbitse ku mwana wanyu kugira ngo hamenyekane niba akwiriye ubufasha ku byerekeye ururimi.**

Ibisubizo ntabwo bizakoreshwa mu kumenya ibirebana n'amategeko cyangwa se ibyerekeranye n'ibyangombwa byo kwinjira cyangwa gusohoka ighugu. Niba umwana wawe yemerewe serivisi z'ubufasha mu myigire y'ururimi rw'Icyongereza, ufile uburenganzira bwo kwanga zimwe muri serivisi cyangwa serivisi zose zahabwa umwana wawe.

Niba ufile ikibazo ku buryo bwo kuzuza iyi HLS, ushobora guhamagara ku ishuri ry'umwana wawe.

### Amakuru y'umunyeshuri (ni ngombwa):

Izina: \_\_\_\_\_

Umwaka: \_\_\_\_\_

### Ubumenyi bw'ibanze bw'ururimi bw'umunyeshuri (ni ngombwa):

1. Ni uruhe rurimi ruvugwa cyane mu rugo? \_\_\_\_\_
2. Ni uruhe rurimi umwana wawe yize igihe yatangiraga kuvuga bwa mbere? \_\_\_\_\_
3. Ni uruhe rurimi umwana wawe avuga cyane iyo ari mu rugo? \_\_\_\_\_
4. Ni uruhe rurimi uvugishamo cyane umwana wawe? \_\_\_\_\_

### Ururimi rukoreshwa mu gutanga amakuru ava ku ishuri (ntabwo ari ngombwa):

5. Wifuza kwakira amakuru yose yo ku ishuri mu ruhe rurimi: \_\_\_\_\_

Umukono w'umubyeyi/Umur: \_\_\_\_\_ Itariki: \_\_\_\_\_

Umaze gushyira umukono kuri iyi nyandiko, muremeza neza ko ibisubizo mwatanze ku bibazo bine byari ngombwa byihariye ku munyeshuri wanyu. Usobanukiwe neza ko niba hari urundi rurimi rutari Icyongereza rwagaragaye, umunyeshuri wanyu azahabwa isuzuma mu rwego rwo kureba niba akwiriye serivisi z'ubufasha mu byerekeye ururimi, mu rwego rwo kumufasha kuvuga no kumenya neza Icyongereza. Abanyeshuri batsindira amahirwe yo kubona serivisi nk'uwigira Icyongereza hanyuma bazahabwe ikizami buri mwaka mu rwego rwo gusuzuma ubumenyi bwabo mu rurimi rw'Icyongereza nkuko bisabwa na ESSA 1111(b)(2)(G).

### **Ahagenewe Ikigo cy'ishuri gusa.**

Umukozi w'ikigo wateguye akanasobanura HLS ndetse no kuba yaba yashyize umunyeshuri muri gahunda yo kwiga no kuzamura icyongereza niba hari urundi rurimi rutari icyongereza rwagaragajwe:

Izina: \_\_\_\_\_

Itariki: \_\_\_\_\_